…UBULIKA Y'U RWANDA
…I Y'UBUBANYI N'AMAHAN…
…BUTWERERANE
…179 KIGALI
…u Ministre

Kigali, kuwa 07 JAN. 19…
N° 001 /06.01/CAB

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Itangazamakuru
- Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

KIGALI

**IMPAMVU:** Gutumira intumwa zihagarariye Minisiteri muyobora mu nama yo gutegura hand over (remise et reprise) ya « Secrétariat à la Francophonie » na « CNRU »

Nyakubahwa Minisitiri,

Nshimishijwe no kubandikira mbasaba ko **twafatanya gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo ku itariki ya 15/05/1997**, kimwe n'ibyemezo byafashwe mu nama yo ku itariki 07/11/1997, nk'uko duherutse kubisabwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.

Ibyo byemezo byerekeranye no kuba Ubunyamabanga bw'Ubutwererane n'Ibihugu bivuga ururimi rw'Igifaransa (Secrétariat à la Francophonie), kimwe n'Akanama k'Igihugu gakorana na UNESCO (C.N.R.U.) byarimuriwe byombi muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane. Muzi kandi ko izo nzego zombi zikorana na zimwe mu nzego muyobora.

Tuboneyeho gushimira muri mwe abatangiye gukurikiza ibyo byemezo batunyuzaho ama « dossiers » y'ubutwererane na « UNESCO » na « Francophonie ». Dusabye n'abandi gushyira mu bikorwa biriya byemezo by'Inama y'Abaminisitiri.

Turateganya kandi inama, ku itariki ya 12/01/1998 kuva saa tatu, mu cyumba gisanzwe kiberamo inama cya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane. Iyo nama izigirwamo uburyo hand over (remise et reprise) yaba n'uburyo yagenda neza kandi vuba.

Muri iyo nama, turifuza ko buri Minisiteri yakohereza:

- Umunyamabanga Mukuru;
- *Umuyobozi* wo mu Buyobozi busanzwe buzwi muri «Organigramme » ziriho, kandi **bufitanye *isano n'inshingano* za « *Francophonie* » na « UNESCO ».**

Tubaye dushimiye uburyo bwiza intumwa ...u zizitabira inama ivugwa haruguru.

Ni yo mpamvu, Nyakubahwa Minisitiri, twifuza ...siteri yanyu yagira intumwa iyihagarariye, itera inkunga y'ibitekerezo iyo nama ...a ngo hand over (remise et reprise) igende neza.

zanyu

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dr Anastase GASANA**
Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
n'ubutwererane

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  KIGALI